FDU-INKINGI
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces

☐+44-7988-883-576 ☐ info@fdu-rwanda.com

http://fdu-rwanda.com, http://victoire-ingabire.com
COMITE DIRECTEUR – STEERING COMMITTEE
"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Egalité de chances" ; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

ISABUKURU Y'UBWIGENGE NITUBERE IMBARUTSO Y'IMPINDURA AMATWARA.

Banyarwanda,
Banyarwandakazi,
Nshuti z'u Rwanda

Kuri uyu wa mbere Nyakanga 2019, Urwanda rurizihiza ku nshuro ya 57, isabukuru y'ubwigenge.

Ku rubyiruko ndetse na bamwe mu basheshe akanguhe, uwo munsi usa n'uwibagiranye mu mateka, ukaba warasimbuwe n'indi minsi ijyanye n'ihinduka ry'ubutegetsi igihugu cyacu cyagiye kinyuramo. Gusa, ubutegetsi buraza amaherezo bukagenda. Ariko amateka ahoraho. Kandi amateka ni nk'umuco, igihugu kitagira amateka ntikigira n'umuco. Kuri uyu munsi twibukaho ubwigenge twagombye gushyira ku ruhande indorerwamo za politiki dukunda kwitabaza, tukarebera hamwe inyigisho twakura muri iyo ntabwe ikomeye yagezweho taliki ya 1 Nyakanga 1962. Ikaba iy'abanyarwanda bose.

Abari ku butegetsi icyo gihe cy'ubwami bakomeje kwinubira ko ayo mateka yirengagiza akarengane kayakurikiye kakavamo ihunga rya bamwe mu bana b'u Rwanda, mu gihe ababasimbuye ku butegetsi bo bemeza ko iyo ntambwe yari ngombwa. Nibyo koko ubwigenge bwakurikiwe n'ihunga ry'abatiyumvaga muri ubwo butegesti bushya, ariko twakwibutsa ko no ku butegetsi bw'ubwami bwariho, habayeho impunzi n'izindi mvururu. Umwami ahunze yasanze mu buhungiro bamwe mu bari bahunze ubutegetsi bwe. Ku rundi ruhande ntitwakwirengagiza ko imvururu zakurikiye ndetse zikavamo n'ibitero by'inyeshyamba kugeza muri za 1967, zakurikiwe n'umutekano mucye ku bakekwagaho kuba ibyitso. Bituma bamwe batongera kwibona mu butegetsi bushya bwari bugiyeho.

Ubwigenge, uko bwari bwatekerejwe n'impirimbanyi za mbere za démocratie zatangiye kuyiharanira kuva muri 1960, bwagombaga guha rubanda ubutegetsi (*Ubutegetsi bwa rubanda, bukorera rubanda kandi butangwa na rubanda*). Izo mpirimbanyi zimwe zikaba zarahasize ubuzima, zizize intagondwa z'abari bashyigikiye ubutegetsi bwari ho, zumvaga ko imbuto y'ubutegetsi ivukanwa, ko gusangira ubutegetsi ku baturarwanda bose ari amahano. Uwashidikanya yakongera agasoma ibaruwa y'abagaragu bakuru b'i bwami banditse 17-18/5/1958 basubiza impungenge zari zagejejwe ku mwami mu cyiswe « Manifeste des Bahutu » yo ku wa 27/03/1957. Bimaze kugaragara ko iyo mpinduka ntacyari kuyihagarika, habaye impaka zahanganishije abari bashyigikiye ko ubwo bwigenge bwahita buboneka, n'abasabaga ko bwategurwa kugirango bitaba ibya nyirarureshwa. Ndetse aho bubonekeye , amwe mu mashyaka yari abogamiye ku bwami yakomeje gukorera mu gihungu, ndetse ahabwa ijambo mu butegetsi, kugeza ku myivumbagatanyo y'abateye igihugu muri za 1967.

Nyuma ya Kamarampaka yabaye 25/9/1961 ikemeza ko ubutegetsi bwa cyami buvuyeho burundu, ukuzima kw'abatavugaga rumwe n'ubutegetsi bushya bari muri UNAR, ryakurikiwe n'ubutegetsi bw'ishyaka rimwe, MDR Parmehutu, ryari rifite ubwiganze ku buryo habuze uwarivuguruza mu

byemezo bwafataga. Ubutegetsi bwa MDR Parmehutu bwasimbuwe n'ubwa MRND muri 1973. N'ubwo igihugu cyagize igihe kirekire cy'agahenge, nta myiryane igaragara, ikibazo cy'irengero ry'abahoze bayobora igihugu bo mu ishyaka MDR Parmehutu cyakomeje kumunga ubumwe n'ubwizerane mu banyarwanda bo mu majyaruguru no mu majyepfo. Nabyo ni amateka yacu tutagomba kwirengagiza.

Imitegekere yakurikiye yateje imbere ubukungu bw'igihugu ku buryo bugaragara, ku buryo abaturanyi bose badukibitiraga agatoki. Ariko umwanya w'abatavuga rumwe n'ubutegetsi ntiwigeze ugaragara. Nabyo ni amateka yacu.

Ikindi cyakomeje kumunga ubwo butegetsi ni ikibazo cy'impunzi zahunze ku bwigenge ndetse no muri 1973. Imishyikirano ya mbere yabaye muri 1976 hagati y'u Rwanda na Uganda ntacyo yashoboye kugeraho. Kuva muri 1986, ubutegetsi bwa MRND bwongeye guhagurukira icyo kibazo kugeza ku gushyira umukono ku masezerano yasinywe 30 Nyakanga 1990, yatanze umurongo w'uko icyo kibazo cyacyemurwa. Intambara yashojwe na FPR kuwa 1/10/1990, yashubije irudubi icyo kibazo, iza ndetse kuvamo itsemba bwoko ryibasiye abatutsi, ndetse n'itembatsemba ryakorewe abahutu, amategeko mpuzamahanga atarashobora guha izina ribikwiye. Ibi byose ni amateka yacu tugomba kwemera tukabana nayo.

Kuri uyu munsi twibukaho ubwo bwigenge, ni ayahe masomo twakuramo, tukageza ku rungano , barumuna bacu ndetse n'abana bacu ?

1. Amatage u Rwanda rurimo kuva muri 1990, ava ku kibazo cy'impunzi zo muri 1959-62 zitashoboye gutahuka kubera impamvu zinyuranye. Umubare w'impunzi ubu ziri hanze y'igihugu, kandi zikomeje kwiyongera, urenze kure uw'izo zahunze muri 1959-62. Niba icyo kibazo kitabonewe umuti, dufite impungenge ko cyazakurura izindi mvururu, ndetse zigasembera mu karere kose k'Ibiyaga binini.
2. Ubutegetsi bwakurikiranye kuva ku bwigenge, ntabwo bwahaye umwanya uhangije abatavuga rumwe n'ubutegetsi. Ubutegetsi butareka ngo abaturage bavuge ibyo batishimiye, butagira ababucyamura, badahuje inyungu za politique, buba nka wa muhungu umwe ugerwa kuri nyina. Buba nk'ubwa wa mwidishyi. Aha naho dufite impungenge ko niba abatavuga rumwe n'ubutegetsi bakomeje gufatwa nk'abanzi, tugana ku butegetsi bw'abidishyi.
3. Kuva u Rwanda rwabaho, n'ubwo umugani wavugaga ngo ruratera ntiruterwa, rwabayeho kubera umubano mwiza n'abaturanyi. Ubwigenge bwacu bushobora guhungabana niba tutanogeje uwo mubano.
4. Ubutegetsi bw'abaturage niyo yari inshingano y'abaharaniye ubwigenge. Imvugo igomba guherekezwa n'ibikorwa. Abaturage nibagire ijambo muri politique zibagenewe, mu mishinga, ndetse no gushyiraho ababayobora. Nta gitugu, nta kubakangisha kuraswa no gufungwa.

Bityo twizihize isabukuru ntawe uhejwe, nta kugoreka amateka, dutekereza ejo hazaza.

Bikorewe i Kigali 01 Nyakanga 2019.

Victoire Ingabire Umuhoza
Prezidante wa FDU-Inkingi
info@fdu-rwanda.com